

IBYIFUZO BY'AMASENGESHO: (19/07/2021 - 26/07/2021)

NB.1. Imana ubwaYo yishimira amasengesho y'Abera baYo kandi iyaha agaciro. Gusenga kwawe nanje gufite imbaraga zo guhindura ibantu no kurema byinshi kubwo kwizera Uwanesheje isi na kuzimu. Kwivivura iyo washobojwe gusenga ni iby'ingenzi. Intego dufite ni ukubona buri famille/cellule igeria nibura kuri 75% y'abitabira iyi gahunda y'urunana rw'amasengesho

NB.2: Buri famille/cellule irasabwa gutegura no kugeza kubayigize bose ibyifuzo by'amasengesho byabo bwite

1) Gukomeza gushima Imana kubw'impano yo kubaho

- Twe n'imiryango yacu
- Itorero ryacu n'umubiri wa Kristo muri rusange
- Igihugu cyacu ndetse n'ab'isi bose bagihumeka.

2) Gushima Imana kubw'icyumweru cyahariwe Abamamans dushoje, no kubw'Ijambo ry'Imana ryibutsa umu maman uruhare rwe mu kubaka umuryango muhire.

3) Kewishimira kuba twarinjiye mumuryango w'Imana kubwo gukizwa kwacu kurusha ibindi byose- (Yoh.1:12-13/Luka 10:20)

4)Gukomeza gusengera igihugu cyacu n'ibihugu by'abaturanyi idukize iki cyorezo cya covid-19 na variantes zose nka Delta, etc...:

- Imana idukize igihanda (stronghold) cya covid-19 (Abefeso 3:20), kandi abarwayi bakire kubw'imbaraga z'Imana
- Imana ikomeze gukoresha Abayobozi b'Igihugu cyacu iby'ubutware, kandi ibashoboze kuzuza neza inshingano bafite zo gukorera inyungu z'Abanyarwanda no kugubwa neza bubaha Imana Isumba bose.
- Imana ikomeze kutwubakira amahoro impande zose kandi itwikirize Igihugu cyacu Ubwiza bwaYo

5) Gusengera abo mumiryango yacu gukizwa kugirango babashe kwakira umunezero w'Imana* hamwe n'indi migisha yose ibonerwa muri Yesu

6) Gusengera imitima y'Abagabo kuhagarara neza mu nshingano zabo nk'aba Papa: gukunda no kwitangira abagore babo, kubana neza n'abana n'abo murugo batabashirira, kubaka umuryango mu umwuka mbere na mbere (Prayer, Partage biblique, deliverance,..), kwita ku rugo uko bikwiriye, kumenya guhingira no kurinda Edeni ariyo muryango wawe, kugira umwanya wo kuganira n'umugore, Abana kubwo kumenya uko bahagaze, kubera abo murugo icyitegererezo cyiza, Etc...(1 SAMWELI 1:1-91 TIMOTEYO 5:8/ITANGIRIRO 2:15, IMIGANI 22:3, 27:12)

7) Gusengera n'Abagore gukunda no kugandukire abatware babo, Abana kubaha ababyeyi babo, Abakozi badufasha mumirimo y'urugo gukora neza nk'abakorera Imana kandi buzuye urukundo. (Abakolosayi 3:17-25)

8) Gusaba Imana kutubashisha gutanga ikiguzi dusenga kugirango imiryango yacu irangwe n'urukundo rw'Imana (Agapao) hamwe n'ibyishimo mu mwami Yesu, bityo ibone ihirwe muri byose.(1Abakorinto 13:4-7/Mat.22:37-40/1Yohana 4:20-21)

9) Dusabe Imana gusuka Umwuka wa masengesho muri ki cyumweru cya guma mu rugo, buri mukristo ace bugufi ashake mu maso y'Imana kubw'itorero n'igihugu tubone gutabarwa n'Uwiteka

2Ingoma 7:14

10) Dusengere abarwaye Covid-19 bari mu bitaro bitandukanye mu gihugu, abarwariye mu ngo Umwami Yesu Kristo abakize. Duhagarike umwuka w'urupfu no gukenyuka.

Zaburi 107:20

11) Imana ikomeze kutwuzuriza imbaraga zaYo uko bukeye, habeho n'ibimenyetso bihamya Umwuka Wera kubw'imirimo Ye muri twe:

- Ahari kumagana ihareme ubuzima (Ezek.37:3-6)
- Ahari ugutatana ireme ubumwe (Ezek.37:7)
- Ahatari ubuzima, itembeshe ubuzima ((Ezek.37:9-10)
- Ahari ingoyi hose, itange umudendezo (Abalewi 25:38-41)

- Ahatari ukuri, iduhe kuba no kwishimira ukuri kwuzuye (Yohana 16:13)

12) Gusengera Ababyeyi bacu Daddy na Mommy gusurwa n'Imana hamwe n'Abashumba n'Abakozi b'Imana bari munshingano zitandukanye, Imana ibashoboze kandi bakomeze kubera ubwoko bw'Imana umugisha kubwo gukoreshwa naYo

13) Gusabira abantu bafite ibibazo bitandukanye kugirango umunezero wabo n'uwanu wuzure (Yoh.16:24/Ef.3:20):

- Abarwayi bakire
- Abadafite akazi bakabone kandi keza katazabatwara kure y'Imana
- Promotions ziboneke
- Abantu basubizwe mubyo bakeneye
- Ababyeyi babashe gutegurira abana uburyo baziga neza amashuri nafungura: school fees, scholarship, etc...
- Abakeneye visas bazibone kandi ingendo zizabahire

14)Gusengera n'izindi gahunda zitandukanye z'Itorero n'abakozi b'Imana bazigisha iki cyumweru:

- Amateraniro rusange yo kuwa gatanu no kucyumweru (online)
- Izindi gahunda zitandukanye zikorerwa mu matsinda y'Itorero kuri online (Home Cells, Classes, Commissions, Ministeres, Etc...)
- Gukomeza Ivugabutumwa hubahirizwa kwirinda COVID-19
- Etc...

15) Gushima Imana iduha amahirwe yo kuba imbere yaYo dusenga (Zab.84:11) tukabera bensi umugisha, kuba yumva gusenga kwacu akadusubirisha ineza yaYo

Imana ibahe umugisha kubwo guhagarara mu cyuho mwiningira bensi.

=====//=====